RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 15-21 Ukwakira




**P1. RNOSC:** Inteko rusange ya ANOC yasojwe ifashe imyanzuro itandukanye irimo no kugabanya ibyuka bihumanya ikirere

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **RNOSC:** Inteko rusange ya ANOC yasojwe ifashe imyanzuro itandukanye irimo no kugabanya ibyuka bihumanya ikirere

P2 **Karate:** FERWAKA yatoranyije abakinnyi bazaserukira igihugu mu marushanwa atandukanye

P4 **Cycling:** Abakinnyi batangiye umwiherero bitegura amarushanwa mpuzamahanga

P4 **Handball:** Amakipe y'u Rwanda ari i Huye aho yitegura imikino y'Akarere ka 5

P5 **Sitting Volleyball :** Amakipe y'u Rwanda yatangiye umwiherero yitegura shampiyona y'Isi 2022

P6 **Football:** AS Kigali yasezerewe mu mikino y'Afurika

# 1 **RNOSC:** Inteko rusange ya ANOC yasojwe ifashe imyanzuro itandukanye irimo no kugabanya ibyuka bihumanya ikirere

Kuva taliki 18 kugeza 21 Ukwakira 2022 i Seoul muri Koreya y'epfo habereye inama y'Inteko rusange ya 26 y'ihuriro rya za Komite Olempike z'ibihugu bigize Isi "ANOC".

Iyi nama y'Inteko rusange ya ANOC yitabiriwe imbonankubone na za Komite Olempike z'ibihugu 187 mu gihe izindi 16 zakurikiye iyi nama hifashishijwe ikoranabuhanga. Iyi nama kandi yitabiriwe na Perezida wa Repubulika ya Koreya y'epfo, Yoon Suk Yeol, Perezida wa Komite Olempike Mpuzamahanga "IOC", Thomas Bach, abahagarariye amashyirahamwe mpuzamahanga y'imikino itandukanye, Komite zifite mu nshingano gutegura imikino Olempike ndetse n'abandi bafatanyabikorwa.




Muri iyi nama, Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC" yari ihagarariwe n'Umunyamuryango wa Komite Olempike Mpuzamahanga "IOC Member" Madamu RWEMARIKA Félicité, Visi Perezida wa mbere, Madamu Umulinga Alice n'Umujyanama, Bwana Butoyi Jean.




Uhereye ibumoso: Umujyanama muri Komite Olempike y'u Rwanda Bwana Butoyi Jean na Visi Perezida wa mbere wa Komite Olempike y'u Rwanda Madamu Umulinga alice

Ubutumwa bwagarutsweho ni ukugomeza kugira ubufatanye ndetse no kurangwa n'ubumwe.

Ubwo iyi nama yafungurwaga ku mugaragaro, Perezida w'agateganyo wa ANOC, Robin Mitchell yatangaje ko ari iby'agaciro kuba inama nk'iyi ihuriyemo ibihugu birenze 200 biturutse ku Isi yose. Yakomeje avuga ko iri huriro rya za Komite Olempike 204 imbaraga zaryo zishingiye ku bitekerezo by'abanyamuryango batandukanye ariko byose bigamije kugera ku ntego imwe.

Perezida wa IOC, Thomas Bach, yasabye abitabiriye iyi nama gukomeza kurwanga n'ubufatanye n'amahoro ndetse no kwizerana. Yabasabye kandi gukomeza gukurikiza indangagaciro Olempike mu byo bakora byose.

**Imwe mu myanzuro y'ingezi yafatiwe muri iyi nama:**

- Inteko rusange ya ANOC yatoreye Dr. Robin Mitchell kuba Perezida wa ANOC mu gihe cya manda y'imyaka ine (2022-2026).
- Inteko rusange ya ANOC yatoye H.E. Sheikh Joaan bin Hamad Al-Thani kuba Visi Perezida Mukuru wa ANOC mu gihe cya manda y'imyaka ine (2022-226).
- Umuyobozi wa Komisiyo y'abakinnyi muri IOC, Madamu Emma Terho yagejeje ku bitabiriye inama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo ndetse n'uko bakorana na komisiyo y'abakinnyi ya ANOC.
- Inteko rusange ya ANOC yemeje ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryerekeye abagize Komisiyo y'abakinnyi muri ANOC.
- Inteko rusange ya ANOC yemeje gahunda irambye yayo harimo kugabanya ibyuka bihumanya ikirere ku kigero cya 50% muri 2030 no kugera kuri zero muri 2040.
- ANOC na Komite Olempike ya Indonesia bashyize umukono ku masezerano yo kuzakira imikino ikinirwa ku mucanga ku rwego rw'Isi "ANOC World Beach Games 2023." Komisiyo ya ANOC ishinzwe ibikorwa na Komite Olempike ya Indonesia bagaragaje aho imyiteguro igeze.
- Inteko rusange ya ANOC yemeje raporo y'imari yagenzuwe y'umwaka wa 2021.
- Komite ishinzwe gutegura imikino Olempike ya Beijing 2022 yagejeje raporo yayo ya nyuma mu Nteko rusange ya ANOC. Raporo ikaba igaragaza ko imikino yagenze neza.
- Komite zishinzwe gutegura imikino Olemike ya Paris 2024 na Milano-Cortina 2026 hamwe n'imikino Olempike y'urubyiruko ya Gangwon 2024 zagejeje ku bitabiriye inama aho imyiteguro igeze.
- Inteko rusange ya ANOC yemeje raporo za Komisiyo zayo zitandukanye kandi ishimira Abayobozi bazo ku bw'imirimo myiza yakozwe.
- Muri iyi nama y'intego rusange ya 26 ya ANOC hemejwe ko inama y'Inteko rusange ya 27 izabera Bali muri Indonesia taliki 13 kugeza taliki 15 Kanama 2023.

# **Karate:** FERWAKA yatoranyije abakinnyi bazaserukira igihugu mu marushanwa atandukanye

Taliki 15 na 16 Ukwakira 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Karate mu Rwanda "FERWAKA" ryateguye amahugurwa y'abakinnyi mu rwego rwo gutoranya abazakinira ikipe y'igihugu mu byiciro bitandukanye.
Iki gikorwa cyabereye muri Notre Dame des Anges Primary School i Remera taliki 15 Ukwakira 2022.

Ku munsi wa mbere taliki 15 Ukwakira 2022 abakinnyi barahuguwe nyuma baranarushanwa mu cyiciro cyo kurwana "Kumite".

Ku munsi wa kabiri, taliki 16 Ukwakira 2022 habaye icyiciro cyo kwiyereka "Kata".

Umutoza mukuru w'ikipe y'igihugu, Nkuranyabahizi Noel yatangaje ko habaye igikorwa cyo guhugura abakinnyi ndetse no gutoranya abazajya mu ikipe y'igihugu mu byiciro bitandukanye birimo abakuru ndetse n'abakiri bato mu bakobwa n'abahungu. Yakomeje avuga ko intego nyamukuru ari ugushaka abakinnyi bashya biyongera mu ikipe y'igihugu kuko mu minsi iri imbere hari amarushanwa bagomba kwitabira harimo shampiyona y'Afurika "UFAK Karate Championships 2022" izabera i Durban muri Afurika y'Epfo kuva taliki 28 Ugushyingo kugeza 04 Ukuboza 2022 ndetse n'andi ateganyijwe umwaka utaha wa 2023 nk'imikino y'Afurika "All African Games 2023", shampiyona y'Isi n'andi atandukanye.

**Abakinnyi batoranyijwe mu byiciro bitandukanye**

Mu cyiciro cyo kurwana "Kumite" hatoranyijwe abakinnyi mu byiciro bitandukanye birimo abakuru n'abakiri bato mu bakobwa n'abahungu.

- **Ikipe ya mbere mu bagabo (Team A)**

Iyi kipe igizwe na Niyitanga Khalifa (The Champion-Kigali), Shyaka Maic Ndutiye (Okapi-Kigali), Byiringiro Emmanuel (UR Huye), Munyaneza Flavier (Zen CT-Rubavu), Manzi Christian (Okapi-Kigali), Safari Pierre (The Champion-Kigali), Usengimana Omar (Kesa-Kigali), Ntwari Fiston (Okapi-Kigali) na Mupenzi Rutikanga (UR-Huye).

- **Ikipe ya kabiri (Team B)**

Iyi kipe igizwe na Dushime Shalifu (The Champion-Kigali), Mugisha Brice (Kamikazi), Nyirumuringa Emmy (UR Huye), Ishimwe Jean De Dieu (The Champion-Kigali), Kagimbi Paul, Munyembabazi Girbert (Police-Kigali), Ishimwe Jean Jules (UR Huye), Dukundimana Musabu (Kamikazi), Tuyishime Emmanuel (Police-Kigali) na Munyagishari Abubakar (Kamikazi).




**Komeza kuri P.2**

**Ibikurikira P.1**

- **Abatoranyijwe mu cyiciro cy'abagore**

Aba ni Abayisenga Parimonique (The Champion-Kigali), Ingabire Solange (Okapi-Kigali), Niyonkuru Joseline (Rafiki-Kigali), Mukangoboka Mary Solange (Flying Eagle-Kigali), Uwimpuhwe Grace (Rafiki-Kigali), Twizeyimana Carine (Bright Kid-Kigali), Ishimwe Brigitte (Flying Eagle-Kigali) na Uwamahoro Neema (Police-Kigali).

- **Mu cyiciro cy'ingimbi "Men Junior"**

Hatoranyijwe Niyonkuru Sudique (The Champion-Kigali), Bayizere Patrick (The Champion-Kigali), Mugenzi Danny (UR-Huye) na Muhire Ngabo Sasha (Yamatsuki-Kigali).

- **Mu cyiciro cy'abangavu "Women Junior"**

Hari Yezakuzwe Ruth, Irakoze Aline na Umulisa Yvette (Flying Eagle-Kigali).

Mu cyiciro cyo kwiyereka "Kata" na ho hatoranyijwe abakinnyi mu byiciro bitandukanye.

- **Mu cyiciro cy'abagabo**

Ikipe igizwe na Niyitanga Khalifa (The Champion-Kigali), Dushime Shalifu (The Champion-Kigali), Safari Pierre (The Champion-Kigali) na Mutangana Fabrice (The Last Samulai-Kigali).

- **Mu cyiciro cy'abagore**

Hatoranyijwe Cyuzuzo Sakina (The Champion-Kigali), Niyonkuru Joseline (Rafiki-Kigali), Mukangoboka Mary Solange (Flying Eagle-Kigali), Uwimpuhwe Grace (Rafiki-Kigali), Ishimwe Brigitte (Flying Eagle-Kigali) na Umwali Pascaline (The Last Samulai-Kigali).

- **Mu cyiciro cy'ingimbi "Men Junior"**

Hari Niyonkuru Sudique (The Champion-Kigali), Niyonkuru Gibril (The Champion-Kigali) na Mugenzi Danny (UR-Huye).

- **Mu cyiciro cy'abangavu "Women Junior"**

Hari Yezakuzwe Ruth (Flying Eagle-Kigali), Irakoze Aline (Flying Eagle-Kigali) na Umulisa Yvette (Flying Eagle-Kigali).







## **Cycling:** Abakinnyi batangiye umwiherero bitegura amarushanwa mpuzamahanga

Kuva taliki 10 Ukwakira 2022 mu Kigo cy'imyitozo cy'umukino w'amagare mu Rwanda giherereye i Musanze "Africa Rising Cycling Center" hatangiye umwiherero w'abakinnyi 17 batarengeje imyaka 23 aho barimo kwitegura amarushanwa mpuzamahanga ateganyijwe mu minsi iri imbere.

Aba bakinnyi batangiye kwitegura Tour du Rwanda 2023 izaba taliki 19 kugeza 26 Gashyantare 2023, shampiyona y'Afurika 2022 ndetse na shampiyona y'Isi 2025 izabera mu Rwanda.

Taliki 13 Ukwakira 2022, Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY", Murenzi Abdallah ari kumwe n'Umunyamabanga Mukuru, Munyankindi Benoit ndetse n'Umuyobozi ushinzwe ibikorwa "Executive Director", Nkuranga Alphonse basuye aba bakinnyi bari mu mwiherero.

Perezida wa FERWACY, Murenzi yabwiye aba bakinnyi barimo abitabiriye bwa mbere umwiherero w'ikipe y'igihugu ko ari amahirwe bahawe yo kwerekana icyo bashoboye.
Biteganyijwe ko aba bakinnyi bazakora imyitozo mu gihe kingana n'iminsi 20 nyuma hakazatoranywa 12 bazasigara mu cyiciro cya 2 cy'umwiherero.

**Abakinnyi bitabiriye umwiherero**

Aba ni Niringiyimana Ramadhan, Kajyibwami Swaibu, Hategekimana Jean Baptiste (ANCA), Masengesho, Gahemba Barnabe (Benediction Club), Habimana Jean Eric, Hategekimana Eric, Niringiyimana Jean Pierre (Kayonza Young Stars), Niringiyimana Rashid, Irimaso Salvador, Niyitegeka Omar (Les Amis Sportifs Rwamagana), Kwizera Elie, Hakizimana Felicien, Bigirimana Jean Nepo (May Star), Ndizera Patrick , Ishimwe Jean Claude na Irankunda Valens (Muhazi CG).



*Abakinnyi bari mu mwiherero i Musanze*

## **Handball:** Amakipe y'u Rwanda ari i Huye aho yitegura imikino y'Akarere ka 5

Kuva taliki 24 kugeza 30 Ukwakira 2022 i Nairobi muri Kenya hazabera imikino y'Akarere ka 5 mu mukino wa Handball mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 18 na 20 mu bahungu "IHF Challenge Trophy 2022".

Iri rushanwa rizitabirwa n'ibihugu bigize Akarere ka 5 ari byo u Rwanda, Burundi, Djibouti, Ethiopia, Kenya, Somalia, Sudan, South Sudan, Tanzania na Uganda.

Mu rwego rwo kwitegura iri rushanwa, guhera ku wa Gatanu taliki 14 Ukwakira 2022, abakinnyi b'ikipe y'u Rwanda U-18 na U-20 batangiye umwiherero mu Karere ka Huye aho batangiye gukora imyitozo bari hamwe.

Muri Kanama na Nzeri 2022 mu Rwanda habereye imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 na 18 aho ikipe y'u Rwanda U-20 yasoreje ku mwanya wa nyuma wa 8 naho ikipe y'u Rwanda U-18 isoreza ku mwanya wa kabiri ndetse inabona itike yo kuzakina imikino y'igikombe cy'Isi izabera muri Croatia muri 2023.

**Urutonde rw'abakinnyi batangiye umwiherero**

**Ikipe y'u Rwanda U-18:** Uwayezu Arsene (Gicumbi HT), Ufitinema Moussa (ADEGI), Nshimyumuremyi Fred (Police HBC), Iryivuze Fiacre (ES Nyamirama), Uwase Moise (ES Kigoma), Mbesutunguwe Samuel (Police HBC) Niyonkuru Karim (APR HBC) , Hakizimana Dieudonne (Gicumbi HT), Ndayishimiye Jean Pierre (ADEGI), Akimu Mupipi Prince (ES Kigoma), Izabayo Issai (Gicumbi HT), Akayezu Andre (Gicumbi HT), Bazimaziki Jean Damascene (Gicumbi HT), Bavandimwe Stephen (ADEGI), Niyoyita Aime Vedaste (APR HBC) na Muhozi Jean de Dieu (ES Nyamirama).

**Ikipe y'u Rwanda U-20:** Nsabimana Dominique (Gicumbi HT), Shema Prince (ES Kigoma), Reba Celestin (Police HBC), Nshimiyimana Amurani (ES Kigoma), Byiringiro Jean D'amour (IPRC Karongi), Iragena Emmanuel (Gicumbi HT), Iradukunda Fabrice (ES Nyamirama), Kubwimana Emmanuel (Gicumbi HT), Mugabo Samuel (APR HBC), Yesurakiza Ernest (ADEGI), Hakizimana Thierry (ES Kigoma), Ndayisabye Etienne (Gicumbi HT), Nsangayezu Maurice (APR HBC), Rugwiro Ivan Patrick (ES Kigoma), Iradukunda Alain (APR HBC) na Nshimyumukiza Donath (ADEGI).



Kuva taliki 01 kugeza taliki 11 Ugushyingo 2022 i Sarajevo muri Bosnie Herzegovine hazabera shampiyona y'Isi mu mukino wa Volleyball ikinwa n'abantu bafite ubumuga "Sitting Volleyball World Championships 2022".

Iyi mikino izitabirwa muri rusange n'ibihugu 16 aho byashyizwe no mu matsinda. Mu bagabo, itsinda A ririmo Bosnie Herzegovine, USA, Japan na Seribia. Itsinda B rigizwe na Iran, Kazakistan, Croatia na Iraq, itsinda C rigizwe na Brazil, u Budage, Canada na Pologne naho itsinda D rigizwe na Misiri, u Rwanda, Ukraine n'u Buholandi.

Mu bagore, itsinda A rigizwe na Bosnie Herzegovine, Slovenia na Finland. Itsinda B rigizwe na USA, Ukraine, u Budage na Hongria, itsinda C rigizwe na Brazil, u Rwanda na Misiri naho itsinda D rigizwe na Canada, u Butaliyani na Iran.

Nyuma yo gutangira imyitozo ikabera mu bice bitandukanye, kuva ku wa Gatanu taliki 14 Ukwakira 2022, amakipe yombi yatangiye umwiherero mu Karere ka Gisagara.
Mbere yo kujya mu mwiherero ba kapiteni b'amakipe yombi ndetse n'umutoza mukuru batangaje ko bafite icyizere cyo kuzitwara neza. Kapiteni w'ikipe y'u Rwanda mu bagore, Mukobwankawe Liliane yatangaje ko ku ruhande rwabo ikipe imeze neza kuko nyuma yo kuva mu mikino Paralempike i Tokyo muri 2021 batigeze bicara badakora kuko bakomeje shampiyona.

Akomeza avuga ko imyiteguro ya shampiyona y'Isi imeze neza kuko nubwo bagiye gukorera hamwe bari bamaze iminsi bakora mu bice bitandukanye. Ati: "Turiteguye twese kandi turizera ko tuzitwara neza. Abanyarwanda batugirire icyizere kandi batube hafi".

Vuningabo Emile, kapiteni w'ikipe y'u Rwanda mu bagabo yatangaje ko barimo kwitoza cyane ariko banareba amakipe bahanganye uburyo akina kandi harimo amwe n'amwe basanzwe bahura ku buryo gukina na yo bishoboka ndetse bikaba bibaha icyizere cyo kuzitwara neza.

Umutoza mukuru w'amakipe y'u Rwanda yombi, Dr. Mussad Rashad agaragaza ko abakinnyi barimo kwitegura neza nubwo nta mikino ya gicuti bakinnye ngo arebe neza urwego bariho ariko nko mu cyiciro cy'abagore intego ni uko bazagera muri ½ .

Ku ruhande rw'abagabo, umutoza agaragaza ko bagomba guhatana mu itsinda barimo kugira ngo bazazamuke bari ku mwanya mwiza watuma ikipe igera muri ¼.

Perezida wa Komite y'igihugu y'imikino y'abantu bafite ubumuga mu Rwanda "NPC-Rwanda", Murema Jean Baptiste ati: "Muri rusange abakinnyi bose bameze neza kandi turiho turabafasha mu buryo bwose bushoboka kugira ngo bazitware neza. Ikindi ni uko twabazaniye umutoza mpuzamahanga Dr. Mussad Rashad ukomoka mu Misiri kugirango adufashe kuzamura urwego rw'imikinire rw'amakipe yacu bityo bibe byanafasha u Rwanda kujya ku mwanya mwiza ku rutonde rwo ku rwego rw'Isi".

Amakipe y'u Rwanda yaherukaga kwitabira shampiyona y'Isi muri 2018 ubwo yaberaga mu Buholandi, ikipe y'u Rwanda mu bagore yasoreje ku mwanya wa 11 mu makipe 16 mu gihe ikipe y'u Rwanda mu bagabo yasoreje ku mwanya wa nyuma wa 16.



**Komeza kuri P.6**

## **Sitting Volleyball :** Amakipe y'u Rwanda yatangiye umwiherero yitegura shampiyona y'Isi 2022

Ibikurikira P.5

**Abakinnyi batangiye umwiherero ku makipe yombi**

Mu ikipe y'u Rwanda mu bagore ndetse n'abagabo hahamagawe abakinnyi 12 ari bo bari mu mwiherero akaba ari na bo bazaserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi.

**Ikipe y'u Rwanda mu bagore**

Hari Mutuyimana Chantal, Bazubagira Claudine, Nyiraneza Solange, Musabyemariya Alice, Murebwayire Claudine, Umutoni Clemantine, Mugirwanake Louise, Mukobwankawe Liliane, Nyirambarushimana Sandrine, Nyiranshimiyimana Agnes, Nikuze Zaninka na Mulisa Hosiana.

Umutoza mukuru ni Dr. Mossad Rashad akaba yungirijwe na Gakwaya Eric, Niragire Angelique (Team Manager) na Nzayisenga Sauda (Physio).

**Ikipe y'u Rwanda mu bagabo**

Hari Rutagengwa Vitus, Murema Jean Baptiste, Ndahiro Jean Claude, Niyitegeka Innocent, Hagenimana Fulgence, Uwizeyimana Callixte, Vuningabo Emile, Semana Jean, Ngizwenimana Jean Bosco, Nsanzimana Tiras, Twagirayezu Callixte na Ndayisaba Jean Baptiste.

Umutoza mukuru ni Dr. Mossad Rashad wungirijwe na Gakwaya Eric, Mandela Steven (Team Manager ) na Nkurayija Jean Pierre (Physio).



## **Football:** AS Kigali yasezerewe mu mikino y'Afurika

Ikipe ya AS Kigali yari ihagarariye u Rwanda mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo "TotalEnergies CAF Confederation Cup 2022-2023" yarasezerewe nyuma yo gutsindwa n'ikipe ya Al-Nasr Benghazi yo muri Libiya mu cyiciro cya kabiri cy'imikino y'amajonjora.

Taliki 16 Ukwakira 2022 ni bwo habaye umukino wo kwishyura wabereye i Benghazi muri Libiya maze ikipe ya Al-Nasr Benghazi itsinda AS Kigali igitego 1-0. Iyi kipe ya Al-Nasr yahise ikomeza ku gitego 1-0 mu mikino yombi kuko mu mukino ubanza wabereye i Huye, amakipe yombi yari yanganyije 0-0.

Iyi kipe ya AS Kigali yari yitwaye neza mu mikino y'ijonjora y'icyiciro cya mbere isezerera ikipe ya ASAS Télécom yo muri Djibouti ku gitego 1-0 mu mikino yombi.

Ikipe ya Al-Nasr yakomeje mu cyiciro cya gatatu kibanziriza kujya mu matsinda izahura na Rivers United (Nigeria) yaviriyemo mu cyiciro cya kabiri mu mikino y'Afurika y'amakipe yatwaye ibikombe iwayo "TotalEnergies CAF Champions League 2022-2023".

**Uko imikino yombi yagenze**
**Taliki 08-10-2022**
AS Kigali **0-0** Al-Nasr

**Taliki 16-10-2022**
Al-Nasr **1-0** AS Kigali **(1-0)**



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave